# LIDA Stories

lidastories.net

## Gushakana n’umusaza / Um homem idoso por marido

Aranya
Sunniva Høiby-Øiset
Abisange Iragena Sandrine (rw), João Caramelo (pt)

This work is licensed under a Creative Commons Attribution 4.0 International License.
https://creativecommons.org/licenses/by/4.0

## Gushakana n’umusaza

## Um homem idoso por marido

Aranya
Sunniva Høiby-Øiset
Abisange Iragena Sandrine

5

Ikinyarwanda rw / português pt

Nibwiraga ko abagabo bo muri Noruveje ari bo ba mbere ku isi, ariko si ko biri. Mbere y'uko mpura n'uwabaye umugabo wanjye, nakoraga mu ruganda muri Bangkok, we atuye muri Pattaya. Twahuriye kuri Interineti duhita dutangira gukundana.

• • •

Eu pensava que os homens noruegueses eram os melhores homens do mundo, mas isso não é verdade! Antes de conhecer o homem que se tornou meu marido, trabalhei numa fábrica em Banguecoque e ele vivia em Pattaya. Conhecemo-nos através da Internet e acabámos por nos tornar um casal.

Nyuma y'igihe twemeranyije kubana. Umuryango wanjye urakennye, ku bw'ibyo, kugira umugabo w'umuzungu uzita ku muryango wanjye ni imwe mu mpamvu zatumye mbana na we.

. . .

Passado algum tempo, decidimos casar. Venho de uma família pobre, pelo que ter um marido estrangeiro que pudesse tomar conta da minha família foi uma das razões para casar com ele.

Twimukiye muri Noruveje mpita njya mu ishuri kwiga ikinoruveje. Byari ibihe bigoye. Kubera ko nta perimi nari mfite, umugabo wanjye yantwaraga ku ishuri, akantegereza akanangarura. Harimo urugendo rw'isaha imwe mu kugenda gusa. Nyuma y'igihe twimukiye hafi yaho, ariko yahisemo gukomeza kujya anjyana ku ishuri. Ntiyashakaga ko ngenda njyenyine.

. . .

Mudámo-nos para a Noruega, e eu comecei a frequentar a escola para aprender norueguês. Foi um período difícil. Não tinha carta de condução e o meu marido tinha de me levar à escola, esperar por mim, e conduzir de volta. Era uma hora em cada sentido. Passado algum tempo, mudámo-nos para mais perto, mas ele insistia em conduzir-me até à escola. Ele não queria que eu andasse sozinha.

Sinzi ibyo igihe kizaza gihishe. Gahunda mfite ni uguhindura ikigo, ariko umugabo wanjye ntabishaka. Ari guteganya kwimukira ahandi kugira ngo ananize. Nzabyanga, ariko sinzi uko nzabigenza. Kuba mu mahanga ubana n’umugabo w’umusaza ntibyoroshye nk’uko nabitekerezaga.

. . .

Não sei o que o futuro trará. O meu plano é ir para outra escola, mas o meu marido não quer que eu faça isso. Ele está a planear irmos viver para mais longe para me dificultar a vida. Eu quero resistir, mas não sei como. Não é tão fácil como eu pensava viver num país estrangeiro com um homem idoso como marido.



Kuva naza muri Noruveje sinigeze ntunga ifaranga. Rimwe umugabo wanjye yampaye amafaranga yo kurya, ariko kubera ko ari two nari mbonye, naratubitse. Ku ishuri, inshuti zanjye zifuza kumfasha kubona akazi, ariko umugabo wanjye ntabishaka. Yumva ko ngo gukora amasuku ari akazi katankwiriye.

. . .

Quase não tenho tido dinheiro desde que vim para a Noruega. Uma vez, o meu marido deu-me dinheiro para o almoço, mas como eu tinha tão pouco, guardei-o. Os meus amigos na escola querem ajudar-me a arranjar um emprego, mas o meu marido diz que eu não posso. Ele não acha que trabalhar como empregada de limpeza seja apropriado para mim.

Ahubwo yampaye akandi kazi ko kubaka igaraje. Kubera ko we yari bosi, ni njye wakoraga buri kimwe. Ntiyakoraga byinshi kuko yari arwaye. Ku mafaranga yakuye mu kubaka igaraje ntiyampayeho na make.

. . .

Em vez disso, ele tinha outro trabalho para mim – construir uma garagem. Ele era o patrão e eu fazia tudo. Ele não podia fazer muito porque estava doente. Ele não me deu nenhum do dinheiro que ganhou com a construção da garagem.



Umunsi umwe, yambwiye ko ngo irungu rimwica iyo yasigaye mu rugo wenyine, maze afata umwanzuro ko tugomba gucirira imbwa. Njye nta mbwa nashakaga kuko navaga ku ishuri naniwe kandi nabaga mfite imikoro. Yavuze ko ari we uzajya atembereza imbwa buri munsi, ariko nyuma y’ibyo akaba ari njye nyitaho na we nkamwitaho.

. . .

Um dia ele disse que ficava aborrecido quando estava sozinho em casa, por isso decidiu que devíamos arranjar um cão. Eu não queria um cão, pois estava cansada depois da escola e tinha trabalhos de casa para fazer. Ele disse que passearia o cão todos os dias, mas afinal eu tive de cuidar tanto do cão como do meu marido idoso.